Minimart 13/2/86

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'INDUSTRIE,
DES MINES ET DE L'ARTISANAT
B.P. 73 KIGALI.

Kigali, le 10/02/1986

N° 275 /08/03.11.2/86.

A traiter par ..........
Date entrée : 13-2-86
N° Classement 2786/3.11.2

Nyakubahwa Bwana Perezida
wa Repuburika
KIGALI.

Nyakubahwa Bwana Perezida,

Nshimishijwe no kubohererereza hamwe n'iyi baruwa, raporo y'imulikwa rya mbere ry'Igihugu ryerekeye ibikorwa bishingiye ku myuga n'ubukolikoli ryabereye i Kigali guhera taliki ya 23 kugeza kuya 28 Ukuboza 1985.

MINISTRI W'INGANDA, MINI
N'IMYUGA

NGIRIRA Matayo.

Bimenyeshejwe :

- Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D.
  KIGALI.
- Ba Ministri (Bose) MINIPRESIREP.
  KIGALI.
- Perefe wa Perefegitura (Bose)
- Umunyamabanga Mukuru w'Umulyango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda
  KIGALI.

RAPORO Y'IMULIKWA LYA MBERE LY'IGIHUGU LYEREKEYE IBIKORWA BISHINGIYE KU MYUGA N'UBUKOLIKOLI LYABEREYE MU RWUNGE ( ) RW'AMASHULI Y'ABAKOBWA I KIGALI KUVA KULI 23 KUGEZA KULI 28 UKUBOZA 1985.

## I. INTANGILIRO:

Bubaye ubwa kane mu Rwunge (Ruvunge) rw'amashuli y'Abakobwa i Kigali habera imulikwa. Amamulikwa yo muli 1983 no muli 1984 yali Rusange yerekana ibintu byose bikorerwa mu Rwanda ali ibiva mu nganda, mu buhinzi mu bworozi no mumyuga. Muwa 1985, abashinzwe gutunganya amamulikwa basanze byaba byiza hagiye habaho amamulikwa yihaliye yajya asimburana n'imulikwa rusange.
Niyo mpamvu muli Nyakanga 1985 habaye imulikwa ly'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi naho mu ukuboza habereye ily'ibikorwa ly'imyuga n'ubukolikoli. Umuntu yakwibaza impamvu uyu mwaka habaye imulikwa ly'ibikorwa by'imyuga n'ubukolikoli kuva kuli 30 kamena kugeza kuwa 4 Nyakanga 1985 hakaba n'ilindi kuva kuli 23 kugeza kuli 28 Ukuboza 1985. Ni ukubera ko muli Nyakanga imulikwa lyabaye lyahuje abanyamyuga 16 gusa mu rwego rwo kwizihiza imyaka 10 MRND yali imaze ishinzwe naho ibyo mu ukuboza likaba n'ubundi lyali liteganijwe likaba lyaragombaga guhuza abanyamyuga bose babishoboye.

## II. ITEGURWA LY'IMULIKWA

Ilyo Mulikwa lyateguwe na Ministeri y'Inganda Mini n'Imyuga, ifatanyije na Ministeri y'Imali n'Ubukungu, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Ministeri y'Ubucamanza n'Umulyango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda.
Nyuma y'Imulikwa ly'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi Ministeri y'Inganda Mini n'Imyuga yihutiye gutumira Amashyirahamwe y'abanyamyuga n'abakorera ku giti cyabo.
Kugira ngo birusheho no kumenyekana mu gihugu hose, iyo Ministeri yandikiye Abategetsi baza komini kugira ngo nabo babimenyeshe abanyamyuga.
Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayo yifashishije abashinzwe Urubyiruko na za Koperative mu ma prefegitura gukangura Amashyirahamwe y'Urubyiruko, ibigo bihugura urubyiruko, za Koperative z'Abanyamyuga na za CERAI kugira ngo bitabire ilyo mulikwa baboneyeho no kwizihiza umwaka w'Urubyiruko. Hagati yaho hashyizweho akanama gahuliwemo n'abakozi ba Mininart, Mijeucoop, Minifinéco na CCIR kugira ngo gategure ilyo mulikwa kateranye incuro nyinshi kugira ngo imulikwa lizagende neza.

Kuva kuli 20 kugeza kuli 22 ukuboza 1985 Abanyamyuga b'ingeli zose, Amashyirahamwe y'urubyiruko, ibigo bihugura urubyiruko, za serayi, n'Amakoperative bazanye ibintu byabo binyuranye, bategura aho babyerekanira barahataka kuburyo bubashobokeye. Ntabwo babashije kubaka nk'uko Abanyenganda basanzwe babikora aliko ukulikije ubushobozi bwabo bashoboye kubikora neza n'ubwo abenshi nta kamenyero bali babifitemo. Akanama kali gashinzwe gutegura no gutunganya ilyo mulikwa kageragеje kubafasha kuburyo bwose gashoboye.

.../...

IV. UKO IMULIKWA LYAGENZE.

Imulikwa lyafunguwe ku mugaragaro na Milita BISHIRANDORA Sylvère, Umuyobozi Mukuru w'Imyuga n'Inganda nto n'Izicililitse wali uhagaraliye Ministri w'Indanda Mini n'Imyuga kuli 23 ukuboza 1985 isa ine. Mu ijambo yahavugiye yibukije akamaro k'anamulikwa, yibutsa zimwe mu ntego za MRND n'amabwiliza ya Prezida wa Repubulika, Prezida-Fondateur wa MRND, Milita Générali-Major HABYALIMANA Yuvenali kugira ngo imyuga irusheho gutera imbere.
Yarangije ashima cyane urubyiruko rwaje kwerekana ibyo rwagezeho mu mwaka wa rwitiriwe ku isi yose, Abanyururu berekana ko n'ubwo bali mu gihano bitabiliye gukora icyatuma amajyambere y'Igihugu atera imbere kandi nabo bakitegulira icyo bazakora barangije igihano cyabo, n'Ababyeyi bereka abana babo ikigomba gukorwa, yaboneyeho no kwibutsa abanyarwanda ko bagomba kubanza gukoresha ibyabo aho kwirukira ibiva mu mahanga.
Amagambo yahavugiwe akubiye mu mugereka w'iyi Raporo.
Nyuma y'ilyo jambo, Milita BISHIRANDORA Sylvère akikijwe na bamwe mu bakozi bakuru bo muli Mininart, Minifineco, Mijeucoop na CCIR yasuye imulikwa nuko abanyamyuga bamusobanulira uko bakora bakanamugezaho bimwe mu bibazo bahura nabyo.

Ilyo mulikwa lyasuwe n'abanyacyubahiro benshi balimo Umunyabanga Mukuru wa Muvoma, bamwe mu bagize Komite-Nyobozi ya MRND, ba Ministri, Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abakuru b'amadini na ba Militantes na ba Militants benshi batuye i Kigali no hafi yaho.

Bose uko bahasuye bashimishijwe n'ibintu binyuranye kandi byiza n'intambwe abanyamyuga banaze kugeraho. Baboneyeho no kwigulira ibintu bakeneye mu ngo zabo aliko bakababazwa n'uko ibyinshi bitaboneka mu masoko asanzwe.
Batangajwe cyane na bamwe mu banyabukolikoli bageze kuli byinshi nk'imashini zitonora ikawa, izenga ibitoki, izisya amasaka n'ibigoli n'imyumbati, izihonda imigwegwe, izikora ubudodo, iziboha imifuka, izibaza, izikata ibyuma n'izindi. Muli rusange bifuje ko abo banyabukolikoli barushaho guterwa inkunga. Ndetse n'abanyamahanga baboneyeho gushima ibyo urubyiruko rwo mu maserayi rwagezeho, bifuza ko ayo maserayi yabonerwa ibikoresho bihagije bifuje yuko amamulikwa nkili yajya aba kenshi kugira ngo abantu barusheho kumenya ibyo abanyamuga bacu bakora.

Abanyamyuga nabo balishimiye kubera ko Leta ibitayeho cyane kugeza aho itekereza kubategulira imulikwa bahuliramo ubwabo bakareba icyo bamwe barusha abandi. Bifuje ko bijya biba kenshi ndetse likabera no mu yandi ma prefegitura kuko n'utagulishije aboneraho icyo abandi bamurusha.

.../...

Bagiye basaba ko abacuruzi basanzwe barangura nabo batajya baza mu imulika kuko ntaho bafite bakorera uretse kurangura gusa. Indi mpamvu ni uko abo bacuruzi basanzwe bazwi mu mugi bigatuma abanyamyuga alibo bagulira cyane cyane. Mu banyamuga baje kwerekana ibintu byabo, abenshi bali baturutse mu cyaro kandi bafite ubushobozi buke bwo kwicumbikira kubera amacumbi ahenda, aliko ntibyababujije kwishimira ilyo mulikwa muli rusange.

Kubyerekeye kugulisha, imibare ikulikira irerekana uko byagenze nk'uko abanyamyuga bagiye babyivugira mu mpapuro twabahaye kuzuza, uretse ko zose zitaraboneka.

| Amazina | Ibintu byerekanywe | Amafranga yacurujwe | Commandes zatanzwe |
|---|---|---|---|
| 1. Nyinawumuntu Justine | -Ibitambaro<br>- Inkoni<br>-Inkangara<br>- Brassières | 80.000 | 33.000 |
| 2. Forge Gouvernem. de Nyabisindu | -Ibikoresho by'ubuhinzi<br>-Ibikoresho byo mu rugo<br>-Ibikoresho by'abanyamyuga<br>- Imitako n'ibindi | 62.555 | 16.400 |
| 3. CFJ Nyantanga | -Imbazo-Ibifashi<br>-Uducamurongo<br>-Ingami-inyundo y'igiti<br>-Inkero (ibikoresho by'ababaji) | - | 30.000 |
| 4. COOPAR | -Tapis-sculptures<br>-Vannerie-Broderie<br>-Céramiques Feuilles de bananier<br>-Perlage, etc... | 120.000 | 26.500 |
| 5.UWINGOGA Michel | -Friteuses-porte-manteaux<br>Imitozo-ibikapu<br>-Inzu y'inyoni,ibiyiko<br>-utwuma twotsa inyama | 9.000 | 20.000 |
| 6. ITARA | -Ibitabo byerekeranye n'imyuga n'ubukolikoli | - | - |
| 7. CERAI Kamonyi<br>8 | - Couture | 4.400 | - |
| 8. ACOUPEJEBU | -Tricots-perlage<br>- robes<br>- vannerie | 12.000 | 10.000 |
| 9. Atelier KEBERO | - Couture | 5.300 | |
| 10. COFOBU | - Ibikoresho by'ubuhinzi<br>- Ibikoresho by'ubwubatsi | 750 | |
| 11. Atelier de Remera | - Couture | 3.900 | |
| 12.Abadacogora Kibuye | - Imipira | - | |
| 13.Atelier des jeunes filles de Kibuye | -Broderie-perlage<br>couture | | |

.../...

| Amazina | Ibintu byerekanywe | Amafranga yacurujwe | Commandes zatanzwe |
|---|---|---|---|
| 14. CFJ GATI | Ballons de foot ball<br>chaussures en cuir<br>sacs à main et de voyage<br>porte feuilles-ceintures,<br>etc... | 54.060 | 450.000 |
| 15. Tapisserie de Rwaza | Filets de volley ball<br>tapis<br>Imyenda<br>ibirago-Ibyibo-Imitako | 20.000 | |
| 16. Cordonnerie de Rukoma | Ibikapu-Inkweto<br>Imikandara-amasakoshi | 50.750 | 14.000 |
| 17. AGM | Vêtements de dessus pour hommes et femmes<br>Rideaux foulars<br>Kepis | - | 75.000 |
| 18. CERAI RUGABANO | Imyenda y'abana | - | - |
| 19. Forge technique de Gikondo | Indobo, marmites,poubelles<br>Bassins-filtres à eau<br>Arrosoirs, anneaux<br>Malles-Ibicuba | 73.500 | 13.000 |
| 20. CERAI NKUMBURE | Udukanzu tw'abana<br>Broderies | 1.300 | - |
| 21. Niyonzima Salvator | Sculpture+ Céramique | 1.000 | |
| 22. Nyiramatama Cécile | Imikeka-Utwenda tw'impinja | 2.000 | |
| 23. Poterie de Shyorongi | Amashusho-Ibyungo<br>Amatafali-Amasabune | | |
| 24. Nshimiye Raphaël | Iminzani<br>Moulins | - | 150.000 |
| 25. Dusekabashira Antoine | Ingoma-Imidaho Guitares<br>Imbehe etc... | 3.500 | - |
| 26. Rugerinyange Bernard | Sculptures | 6.000 | |
| 27. Karasanyi Gabriël | Imashini yenga ibitoki | - | - |
| 28. Ruremesha Faustin | Menuiserie | - | - |
| 29. CFJ MASAKA | Ububaji | 13.500 | 123.000 |
| 30. MERA | Radios, amplificateurs,<br>Tournes disques etc... | 60.000 | - |
| 31. Mihanda Edouard | Amashusho(céramique) | 50.000 | 150.000 |
| 32. CERAI Shyorongi | Menuiserie | 3.000 | 8.000 |
| 33. SOCOBA | Imyenda y'abagore n'abana | 300.000 | - |
| 34. Nzabakirana S. | Défibreuse,raboteuse,<br>tronçonneuse iboha ibizi<br>liko etc... | - | 5.000 |
| 35. CEDECOS | Ibikoresho by'ubuhinzi<br>Ibikoresho by'abanyamyuga<br>(Forge + Soudure | 7.240 | |
| 36. CEFOJOUR | Menuiserie | 27.000 | 37.500 |
| 37. APIMU | Bougies cires gonfrée<br>Miel vernis | 27.000 | 37.500 |
| 38. COTAGIRWA | Tanage<br>Tipis en peaux de chèvres<br>Poupées et jouets | 18.450 | |
| 39. AJEDAR | Menuiserie | | |
| 40. JOC FILLES | Tableaux en tissus | 16.000 | |
| 41. Atelier de Kabona | Laine de mouton<br>Objets en cornes | 1.000 | 200.000 |
| 42. Rutaginena Damien | Sculptures | 1.300 | |
| 43. Tapisserie Rukira | Tapis + vannerie | 8.800 | |
| 44. Atelier de Tapisserie et de couture de Muhazi | Ibikapu-Intebe | 10.180 | 7.200 |
| 45. Ndayambaje Esdras | Objets en cuivre | 10.000 | 7.000 |
| 46. PRECOCEM | Menuiserie | 1.800 | 8.000 |
| 47. Murengerantwali P. | Articles en cuivre<br>ibikoresho byo mu buhinzi | 12.000 | 27.200 |

.../...

| Amazina | Ibintu byerekanywe | Amafranga yacurujwe | Commandes zatanzwe |
|---|---|---|---|
| 48. H.V.P. Rwamagana | Tricots-vêtements pour hommes et femmes et enfants | 25.000 | 6.000 |
| 49. Ntahobali Emmanuel | Bonbons | 24.000 | 750.000 |
| 50. La Bonne Mise | Imyenda y'abagabo n'abana | 85.700 | 600.000 |
| 51. JOC KORA | Menuiserie | 28.000 | 42.500 |
| 52. Mukantabana Im. | Vannerie | 3.010 | 9.600 |
| 53. Nyirakani Marie | Vannerie | 5.000 | 6.000 |
| 54. Mukankundiye Spéciose | Perlage, broderie | 600 | |
| 55. Iyamuremye Elias | Amabilika, ibisupeli tasses et sous-tasses | 3.600 | 2.150 |
| 56. Nteziryimana Jean | Dépulpeuse à café, sculptures | - | 59.000 |
| 57. Mujyambere Cyprien | Dépulpeuse à café machine à coudre | 29.000 | 2920.000 |
| 58. Hategekimana Léonard | Guitares | 5.000 | 20.000 |
| 59. CFJ Gaculiro | Menuiserie Matériel d'élevage | | 50.000 |
| 60. Ferailleurs Gakinjiro | Ibikoresho byo mu rugo Ibikoresho by'ubuhinzi | - | - |
| 61. Ouvroir de Save | Tapis-Vanneries broderies | 25.000 | 19.000 |
| 62. Uwimana Francine | Vanneries | | |
| 63. COFOMU | Ibikoresho byo mu buhinzi Ibikoresho by'abanyamyuga Ibikoresho by'ababaji menuiseries | 1.500 | 695.000 |
| 64. AFOM | Ibikoresho by'ababaji Menuiserie | - | 30.000 |
| 65. Service Pénitentiaire | Menuiserie-sculpture | 40.000 | 32.000 |
| 66. CERAI Butamwa(garçons) | Menuiseries | | |
| 67. CERAI Mwendo | Kudoda | 280 | (-) |
| 68. ADEACES | Menuiseries | | |
| 69. Murayire Côme | Amashusho mu biti | 2.500 | |
| 70. Ntwarubugabo Gabriel | Amashusho mu biti | 2.500 | |
| 71. Famaga | Matelas | 20.350 | 12.400 |
| 72. COFOGI | Ibikoresho byo mu buhinzi Ibikoreshyo by'abanyamyuga | 17.980 | 6.000 |
| 73. CECOTRAD | Amatafali, Amakostra, Amakaro | | |
| 74. CERAI Kanyinya | Imifuka, ibikapu, amatapi, inshundura, amakamba, (byose bikozwe mu migwegwe | | |
| 75. CAFASHABU | Chaussures + articles en cuir | 15.000 | - |
| 76. COPAJAFAKI | Vannerie, perlage, couture | 18.500 | |
| 77. Abakomezaruhimbi | Vanneries | - | - |
| 78. CEFOJOUR(Filles) | Broderies | 16.000 | (-) |
| 79. UGA Nyamasheke | Vanneries, imbehe, inkongoro | 6.300 | - |
| 80. Poterie de Rukoma | Briques refractaires couverts de tables carreaux de sol céramique | 27.000 | 50.000 |
| 81. Poterie de Munzanga | Briques réfractaires, carreaux, couverts de tables | 61.000 | 12.000 |
| 82. Poterie de Rukôko | Couvert de table briques, réfractzires tuyaux -carreaux | 14.735 | 7.000 |
| 83. Ndongozi Wellars | couverts de tables carreaux | 23.000 | 5.280 |
| 84. Poterie de Gatagara | Couvert de table, vases | 60.000 | |
| 85. Abadacogora(Musasa) | Vanneries | 2.790 | |
| 86. Atelier de Cyanika | | | |
| 87. Poterie de Muyunzwe | | | |
| 88. CONFERWA | | | |
| 89. KIAKA | | | |
| 90. La Finesse Artistique | | | |

| Amazina | Ibintu byerekanywe | Amafranga yacurujwe | Commandes zatanzwe |
|---|---|---|---|
| 91. Mukantabana Marie | | | |
| 92. CERAI Gisakura | | | |
| 93. Kabihogo Dativa | | | |
| 94. Mukamana Francine | | | |
| 95. Mukabaruka J.D. | | | |
| 96. Ntirugilibambe V | | | |
| 97. Nkirabazenga M. | | | |
| 98. Sebukangaga JB | | | |
| 99. AFOM | | | |
| 100. DIARWA | Pull over, brassières, couvre-lits, couvertures, bonnets, nappes | 179.800 | 81.000 |
| 101. CERAI Filles Ruhengeri | | | |
| 102. Atelier de Mbazi | pull over, couvre-lit, foulards | 17.750 | 8.900 |
| 103. COADACYA | Sculptures | | |
| 104. Atelier de Kiziguro | | | |
| 105. UGA Mukono | | | |
| 106. Arts et Modes | | | |
| 107. Groupement des Jeunes Nyarutovu | | | |
| 108. Groupement des Jeunes Ndusu | | | |
| 109. Groupement des Jeunes Kinigi | | | |
| 110. Groupement des Jeunes Nkuli | | | |
| 111. CERAI Mucaca | | | |
| 112. CERAI Runaba | | | |
| 113. CERAI Karwasa | | | |
| 114. Association des Guides du Rwanda | | | |
| 115. Cordonnerie de Birenga | | | |
| 116. Nshimyeyezu P. | | | |
| 117. Ndizeye Ismaël | | | |
| 118. Karasanyi G. | | | |
| 119. Groupement des menuisiers de Biryogo | | | |
| 120. Groupement des menuisiers de Gitega | | | |
| 121. Poterie de Kinigi | | | |
| 122. ASPAR | Artisanat divers | 68.000 | |

.../...

Tudashyizemo bamwe bataruzuza amafishi bahawe kugirango batubwire uko imulikwa ryabagendekeye, mu minsi ine ya mbere, abamulitse bageze kuli 87 bemeza ko bacuruje amafranga ageze kuli 1.841.110 babona na "commandes" zihwanye n'amafranga 6.852.230 Frw. Muli abo ntihabalirwamo za KIAKA, Poterie de Muyunzwe, Conferwa, La Finesse artistique, Arts et Modes, Diarwa, na Coadacya zitujuje ayo mafishi.

Kandi dukeka ko alizo zili mu zagulishije menshi. Ugereranije n'imulikwa ry'ibintu bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byabaye mu kwezi kwa Kalindwi hacurujwe make (1.909.110 kuli 9.226.523 Frw).aliko abantu bemeza ko ali ukubera ko ryahuliranye n'iminsi mikuru ya Noheli n'Ubunani, bityo bigatuma abantu batagura neza.
Kubera izo mpamvu abanyamyuga bifuza ko ubutaha imulikwa ryabo ryajya liba ku mpeshyi naho i[illegible]'ibilibwa likaba mu kwa 12 kuko iteka ibiryo bikenewe no mu minsi mikuru.

Muli rusange rero usanga abanyarwanda b'i Kigali n'ubwo kuvuga ko alibo bafite amafranga menshi, bikundira ibikoresho byo mu rugo bitabahenze. Niyo mpamvu usanga abenshi balitaye no ku bindi bikoresho byo mu rugo nk'imyeyo, inkweto, ibikoresho by'ameza(amasahane, anatase...).
Imibare twavuze haruguru irerekana ko ibikoresho ngirakamaro byagize uruhare rwa 71,9% ku byacurujwe byose. Ubwo ni ukuvuga ko imitako idafite isoko lihagije mu Rwanda.

Kuwa gatanu taliki ya 27 Ukuboza 1985, Ministri w'Inganda, Mini n'Imyuga, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda bagiranye inama n'abanyamyuga bali baje mu imulikwa.
[illegible] ba Ministri bombi basobanuliye abanyamyuga uko Ministeri bayobora zikorana mu gufasha abanyamyuga banabagezaho ibiteganijwe kugira ngo abanyamyuga barusheho kubona inguzanyo. Babahaiye n'ubu abanyamyuga bazi gukora ibintu binyuranye kandi byiza aliko ntibagire umusaruro utubutse ku buryo babona za "commandes" ntibabashe kuzubahiliza.
Mu bibazo byabajijwe hali ibyerekeye abantu bitiranya impu z'ihene n'iz'izindi nyamaswa zo mu ishyamba, "catalogue" y'ibintu bikorerwa mu Rwanda n'ibiciro byabyo, gufasha abarangije kwiga muli CERAI no mu bigo bihugura urubyiruko, imikorere ya za "comptoirs" Leta yashyizeho kugirango zifashe abanyamyuga gucuruza ibintu byabo, gushyiraho ikigo cyajya gituniza ibikoresho bimwe na bimwe mu mahanga ndetse n'ikigo cyajya kirundwamo ibyuma by'imodoka zishaje kugirango abacuzi bajye babibona ku buryo bworoshye no gukoresha amamulikwa kenshi. Ibyo bibazo ba Ministri bagiye babitangira ibisubizo bishimishije. Inyandiko-mvugo y'iyo nama yometse kuli iyi raporo irabisobanura ku buryo burambuye.

Imihango yo gusoza inama yabaye kuwa Gatandatu taliki ya 28 Ukuboza 1985 yayobowe na Milita Ngirira Matayo, Ministri w'Inganda, Mini n'Imyuga hali n'abanyacyubahiro balimo Milita Habimana Bonaventure, Umunyamabanga Mukuru wa MRND. Mu ijambo yahavugiye, Ministri NGIRIRA Matayo yabanje gushimira abanyacyubahiro baje kwizihiza iyo mihango, ashimira cyane abanyamyuga bitabiliye iryo mulikwa,yakomeje abwira abanyamyuga imwe mu mishinga iliho cyangwa iteganijwe kugirango imyuga n'inganda nto birusheho gutera imbere. Aho twavuga nka :

.../..

- Umushinga wo gufasha inganda nto n'iziciliritse gucunga umutungo no gukora "comptabilité" dufashwamo n'umuryango wo muli Leta zunze Ubumwe z'Amerika aliwo "Technoserve"
- Umushinga wo gushyiraho amashyirahamwe y'abanyamyuga muli Komini, Prefegitura no mu rwego rw'igihugu (Chambre des Métiers) dufashwamo n'Ubudage bw'Iburengerazuba.
- Umushinga ntanga-rugero wo gushyiraho ibigo by'imyuga muli za Prefegitura. Uwo mushinga uzatangilira muli Prefegitura ya Gisenyi tubifashijwemo na Leta ya Rhénanie-Palatinat yo mu Budage bw'iburengerazuba.
- Gukoresha "catalogue général" y'ibintu bikorerwa mu Rwanda. Umuryango w'ubucuruzi n'inganda mu Rwanda wemeye kuzagiraho uruhare kubyerekeye amafranga.
- Gushyiraho abakozi bashinzwe guteza imyuga imbere mu rwego rwa Prefegitura
- Kwiga uburyo amamulikwa yajya abera muli za Prefegitura ndetse no mu makomini n'ibindi.

Milita NGIRIRA yarangije asaba abanyamyuga kwishyira hamwe kuko alibwo buryo bwo kubona umuti wa bimwe mu bibazo byabo kandi bakarushaho gutera imbere. Yashimiye kandi abateguye iryo mulikwa no kulitunganya (Ministeri y'Imali n'Ubukungu, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Ministeri y'Ubucamanza, n'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda), n'abandi batumye ligenda neza (Ministeri y'Ingabo z'u Rwanda, Ministeri ya Transporo no gutumanaho n'ubuyobozi bwa "Groupe Scolaire Notre Dame de Cîteaux"). Yifuje ko ubwo bufatanye bwahoraho.

Nyuma y'iryo jambo hakulikiyeho umuhango wo gutanga ibyemezo byo kuza mu imulikwa (certificats de participation) byahawe abanyamyuga 121. Byatanzwe n'Umunyamabanga Mukuru wa MRND, Ministri w'Inganda,Mini n'Imyuga, Ministri w'Imali n'Ubukungu, Umunyamabanga mukuru muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative , Umunyamabanga Mukuru w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda, na Ministri w'Ubucamanza.

Umunyamabanga Mukuru muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yaboneyeho gutanga ibihembo by'abanditsi babaye abambere mu irushanwa ryateguwe n'iyo Ministeri mu rwego rwo kwizihiza umwaka w'Urubyiruko.

## IV. AMAFRANGA YATANZWE KU IMULIKWA

Iryo mulikwa lyatanzweho amafranga ibihumbi magana atanu na mirongo itandatu n'icyenda na maganabili ku buryo bukulikira :

A. RECETTES : 569.200 Frw.

| | |
|---|---|
| - MINIFINECO | = 410.200 Frw |
| - MIJEUCOOP | = 100.000 Frw |
| - C.C.I.R. | = 50.000 Frw |
| - MINIMART | = 9.000 Frw. |

B. DEPENSES = 560.319 Frw

| | |
|---|---|
| - Dépenses sur facture = | 150.119 Frw |
| - Dépenses sur Bon de Commande = | 410.200 Frw. |

C. Solde = 569.200 Frw - 560.319 = 8.881 Frw.

.../...

D. Utilisation de la Solde de 8.881 Frw:

- Réception pour les Membres du Comité d'Organisation = 8.881 Frw.

V. UMWANZURO

Muli rusange imulikwa ryagenze neza, abaryitabiliye n'abalisuye barabyishimiye ku buryo bifuza ko ryahoraho. Nk'uko byateganijwe na Ministeri zibishinzwe amamulikwa yihaliye azajya asimburana n'Imulikwa rusange lizajya liba uko imyaka ibili ihise.

UMUGEREKA WA MBERE : LISTI Y'ABAGIZE KOMITE YO GUTEGURA NO GUTUNGANYA IMULIKWA

1. BISHIRANDORA Sylvère, Umuyobozi Mukuru w'Imyuga, Inganda nto n'iziciliritse muli Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga, Perezida.
2. MUNYAMBARAGA Narcisse, Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Visi-Prezida
3) KWIHANGANA Louis (MINIMART)
4) NDATEBA J.M.V. (MINIMART)
5° CYIZA Mathias (MINIMART)
6) SEKIMONYO Chrysanthe (MINIMART)
7) MUKAYIRANGA M. Thérèse (MINIMART)
8) MUKAMUSONERA Judith (MINIMART)
9. UWAMALIYA Marie-Rose (MINIMART)
10) MUSABYEMALIYANathalie (MINIMART)
11) RUSANGANWA Augustin (MIJEUCOOP)
12) RUTAMBUKA Claude (MIJEUCOOP)
13) MBONEZA Gaspard (MIJEUCOOP)
14) GATABAZI Aloys (MIJEUCOOP)
15) HAKIZIMANA Protais (MIJEUCOOP)
16) GAHIZI J.Damascène (MIJEUCOOP)
17) SENYONI Félicien (MINIFINECO)
18) SEKAMANA Théophile (MINIFINECO)
19) NTONDO Apollinaire (CCIR)
20) NAHABO Théodore (CCIR)

## IJAMBO RYA MINISTRI W'INGANDA, MINI N'IMYUGA AFUNGURA IMULIKWA RYA MBERE [illegible] RY'IBIKORWA BY'IMYUGA.

KIGALI 23 - 28/12/1985.

- Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,
- Ba Militante, ba Milita,

Mbanje kubasuhuza mwese uko muli hano mu ndamutso ya Muvoma Revolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, indamutso y'ubumwe n'Amahoro byo nkingi y'Amajyambre, mbashimira ko mwaje muli benshi muli uyu muhango wo gufungura ku mugaragaro ili mulikwa ry'ibikorwa by'abanyamyuga litangiye none, likazarangira kuwa gatandatu w'iki cyumweru.

Ba Militante, ba Milita,

Mu mpera z'uyu mwaka w'1985, Leta y'u Rwanda yongeye gukoresha ili Mulikwa kugirango yerekane ko ishyigikiye byimazeyo ibikorwa by'Abanyamyuga.

Kuva mu mwaka w'1983, Leta y'u Rwanda yakoresheje amamulikwa rusange, yeretse abanyarwanda ibyo bamaze kwigezaho, mu rwego rwo kongera umusaruro rusange mu bukungu bw'Igihugu, hanyuma muli uyu mwaka w'1985 ikoresha amamulikwa yihaliwe (expositions spécialisées).

Muli Nyakanga, igihe twizihiza isabukuru y'imyaka 10 Muvoma yacu imaze ishinzwe, habaye amamulikwa abili: imulikwa ry'ibintu bikomoka ku buhinzi n'ubworozi, n'imulikwa ryerekanye ibikorwa bya kijyambere abanyamyuga bagezeho mu myaka 10 ishize.

Komisiyo ishinzwe amamulikwa y'ibigurwa yemeje ko umwaka umwe hazajya haba imulikwa rusange, ukulikiyeho hakaba limwe mu mamulikwa yihaliwe. Uyu mwaka rero hateganijwe imulikwa ryihaliwe mu byerekeye imyuga n'ubukolikoli.

Ili "Mulikwa-Gulishwa" ryateguwe na Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga ifatanije na Ministeri y'Imali n'Ubukungu, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative na Ministeri y'Ubucamanza, n'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda.

Nkaba mboneyeho, gushimira abakozi b'izo nzego z'ubutegetsi umwete n'umurava bateguranye ili mulikwa. Ndashimira cyane cyane Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, kuba yarafashije byimazeyo amashyirahamwe y'urubyiruko kuza kwerekana ibintu byayo kandi ikaba yarafashije na za CERAI zimwe na zimwe kuza kwerekana ibyo zimaze kugeraho. Turashimira kandi na Ministeri y'Ubucamanza

.../...

kuba yarafashije abanyururu nabo kuzana ibintu byabo muli ili mulikwa. Ibi biratwereka neza, ko amabwiliza y'Umukuru w'Igihugu avuga ko n'ubwo umunyururu ali umuntu uli mu gihano, atagomba gufatwa nabi, ahubwo nawe agomba kwihatira gukora, kugirango afashe abandi bavuka Rwanda guharanira amajyambere.

Ndashimira ku buryo bwimazeyo abanyamyuga mwese, mwaje muli ili mulikwa rya mbere ry'ibikorwa by'imyuga.

Ba Militantes, ba Militants,

Sinakwilirwa nsubira mu kamaro imyuga ifitiye abanyarwanda cyangwa ingorane abanyamyuga bahura nazo, kuko byavuzwe mu madiskuru menshi y'abategetsi.

Prezida wa Republika, Prezida - Fondateri wa MRND, Militant Jenerali Major HABYARIMANA Juvénal ahora atwibutsa ingingo z'ikulikira:

- Muvoma yacu ishaka ko amajyambere y'u Rwanda mu by'Ubukungu yashingira ku mulimo cyane cyane uw'amaboko kuko ali wo sôko y'amajyambere y'abanyarwanda nyamwinshi kandi akaba ali yo mpamvu ituma ugomba guhabwa agaciro kawo.
- Muvoma yacu yemeza ko imilimo yose ireshya mu gihe ikozwe ikulikije amategeko n'icyubahiro cy'Igihugu kandi ivuga ko abantu bose bakora ali ngombwa mu gihugu: baba ali abikorera, baba abakoresha n'abakoreshwa, baba abahinzi-borozi, abakoresha ubwenge cyangwa se abakoresha amaboko gusa.
- Muvoma yacu irongera iti: "Tumaze kwiyumvisha ko abaturarwanda alibo bonyine bagomba kwizamura ubwabo kandi ibivuye mu mbaraga zabo bikaba ibyabo. Bityo Muvoma yacu yabonye ko ali ngombwa kudutegeka gukora imilimo igamije kutuzamura. Nk'uko Muvoma yacu itwigisha, imbaraga zacu bwite alizo zizatuma tujya mbere kandi ibikorwa nibyo bizatuma buli muntu abona agaciro mu bandi. Kubera izo mpamvu Kongere ya gatatu n'iya kane za M.R.N.D. zasabye Leta guteza imbere imyuga n'Inganda mu cyaro, gushyigikira imyuga n'inganda bigamije gukora ibikoresho n'ibindi u Rwanda rusanzwe ruvana mu Mahanga no gukomeza gutera inkunga inganda n'imyuga kugira ngo indi milimo itali iy'Ubuhinzi irusheho kuboneka no kuba myinshi, kandi irusheho gutunga abanyarwanda.

Mu rwego rw'Imyuga n'Ubukolikoli, Prezida wa Republika yasuye abanyamyuga bo muli Komini ya Nyarugenge aboneraho no kuvuga Diskuru ihamye yerekana ko Guverinema ishyigikiye imyuga. Yaboneyeho no gusobanura uburyo Leta yarushaho gufasha abanyamyuga n'uko abona nabo bakwiliye kuyifasha, kurangiza intego yayo, yo gushaka icyatuma abanyarwanda barushaho kumererwa neza; yabivuze muli aya magambo:

.../...

Kubafasha ni ukoroherezaabakorera mu migi uko babona impapuro za ngombwa: akenshi abanyamyuga n'abanyabukolikoli, cyane cyane abakorera mu mijyi, bitiranyijwe n'amabandi n'inzererezi. Maze bizana ibibazo hagati yabo n'abashinzwe amahoro n'umutekano. Ni ngombwa rero ko, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini hamwe n'Ubutegetsi bwa Prefegitura na Komini, byavangura ayo mashyirahamwe, maze, abayagize, bakabona impapuro za ngombwa, zatuma bakora mu ituze nk'uko abanyarwanda bose bakora mu ituze.

Nguko uko tubona Leta yabafasha muli iki gihe. Ubwo kandi namwe muzajya mutubwira inkunga yindi twabatera kandi icyo mbemereye ni uko tuzayibatera koko. Aliko ngo ibintu ni magilirane, namwe, nimudufashe kumvisha urubyiruko ko imyuga n'ubukolikoli, atali ukwirukankira mu migi, cyangwa se muli Kigali. Abanyarwanda benshi baba mu cyaro, ibikoresho mukora, ali imbabura mucura, ali inzugi mubaza, intebe, inkono se mubumba, nimubikorere aho abanyarwanda bali. Nimubikorere aho abanyarwanda babikeneye. Ni ukuvuga cyane cyane mu cyaro, Leta na Komini bizabafasha. Inkunga nateye, rero, abakorera i Kigali uyu munsi, mbagenderera, si ukuvuga ngo abakorera muli za Komini, nibaze bagaruke muli Kigali. Ndabizi imyuga mu migi ni ngombwa, kuko naho, haba abantu, kandi abo bantu, bakaba bakeneye ibikoresho, aliko, ibyo bikoresho bikenewe cyane cyane mu cyaro. Nimuhashinge rero amashyirahamwe menshi.

Nimudufashe kubavangura n'amabandi n'inzererezi, mukorana n'ubutegetsi bwa Komini, mukorana umurava na disipulini, mushyigikira amahoro kuko ibyo dufite byose, tubikesha amahoro.

Nimudufashe mushyigikira imilimo y'amashyirahamwe yanyu; cyane cyane mu cyaro, aho muzafatanya n'urubyiruko rurangije amaserayi. Muzi ko ivugururwa ry'amashuli n'ishyirwaho ry'amaserayi bigamije, gutsura imyuga mu cyaro".

Ayo magambo akomeye ya Nyakubahwa Prezida wa Republika, arerekana ko Leta y'u Rwanda, ishyigikiye abanyamyuga n'abanyabukolikoli, kandi ko izagumya, gushaka, icyatuma, barushaho gutera imbere, ali mu bukungu, ali no mu mibereho yabo.

Ba Militantes, Ba Militants,

Kugeza ubu, ubuhinzi n'ubworozi bwakunze, kwitabwaho cyane, ku buryo amafranga menshi ashorwa mu buhinzi. Muli iki gihe, imilimo igenda igabanuka, kubera ubwiyongere bw'abaturage, n'ubutaka burushaho kuba buto, Leta igomba gushakira abanyarwanda, indi milimo, itali iyo mu buhinzi kugirango urubyiruko, cyane cyane, rureke kujya rwirukira mu migi, gushakayo akazi, kandi naho ali gake, ndetse rugahulirayo

.../...

"Uko nabibonye, uko mwagiye mumbwira ingorane, ndabona ko kubafasha atali ugushaka, kubakorera ibyo mwikorera ubwanyu. Kubafasha, si ukubabwira ibyo mugomba gukora, kuko mubyimenyera ubwanyu, mukulikije ibyo mubona rubanda rukeneye. Kubafasha si ukubashyilirabo amategeko abagenga, bambwiye ko ayo mategeko muyategura, mukulikije inzego z'imilimo yanyu n'ubucuti mufitanye, cyangwa se ubushyirahamwe bwatumye muyihulirabo. Kubafasha sibyo ngibyo rero, si ugushaka kubakorera ibyo mwikorera ubwanyu, si ukubabwira ibyo mugomba gukora, kuko mubizi, si no kubashyilirabo amategeko yabagenga, kubafasha ahubwo, ndabona ali ukubatera inkunga cyane cyane mu byo mutishoboreye; nko kubashakira ibibanza byo gukoreramo, mwabona n'amafranga mukubakamo n'amazu mwakoreramo.
Kubona ibyo bibanza ntibyoroshye, ndabizi, kandi n'ubahagaraliye amaze kubimbwira, cyane cyane mu migi, kuko ibishushanyo mbonera by'iyo migi, bishobora kuba byalibagiwe ibibazo nk'ibyo muhura nabyo. Ndifuza rero ko Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu, ishinzwe iby'ibibanza mu migi yashakira amashyirahamwe y'abanyamyuga n'ay'ubukolikoli, aho bakorera igihe bagomba gukorera mu migi, ikazakulikiza
na none, imitunganyilize myiza y'iyo migi nk'ibyerekeye isuku n'ibindi.

Kubafasha ni nko kubatera inkunga, mu gushaka ibikoresho mukeneye. Nk'abadozi b'inkweto, bambwiye ko bakeneye impu, iyo basana inkweto, bakenye n'amapine ashaje, kandi nzi ko amapine ajugunywa muli Nyabarongo, nzi ko hali inzego z'imilimo, ali zo services zimwe, zabuze aho zijugunya ibimodoka byazo bishaje, ibyo bimodoka bikabafatira umwanya mu bigo byabo, kandi n'abacura imbabura bakenera ibyuma bakabura aho babibaliza. Muzi akamaro k'imbabura, sinakwilirwa mbisubiramo, imbabura zibuze, ngira ngo abenshi baburara.
Ni ngombwa rero ko Leta yafasha abanyamyuga n'abanyabukolikoli kubona ibikoresho bakeneye: abakeneye impu bakabona impu, imbaho n'ibyo byuma bikenewe kugirango bacure imbabura.

Kubafasha ni nko kubabaliza, amabanki cyane cyane nka banki z'abaturage, kubashakira namwe inguzanyo.

Kubafasha ni ukureba uko twakoresha, ibyo mukora ali mu milimo ya Leta ali no kuli buli muntu / giti cye. Ejo bundi navuze ko, gukoresha iby'iwacu, atali ugutangilira ku bihambaye. Gutumiza mu mahanga ibyo abanyarwanda bacu bakora, kandi bakora neza, aba ali ugusesagura.
Amazu menshi yubakwa n'ubutegetsi, amazu menshi yubakwa mu makomini hirya no hino nk'ibiro bya za S/Prefegitura, ibiro bya za Komini, ibigo bitsura amajyambere, ibigo ndera-buzima, ndetse na za Paruwasi zubakwa hirya no hino mu gihugu; ayo mazu yose ashobora gukoresha iby'abanyamyuga n'abanyabukolikoli bacu bakora, aho gutumiza mu mahanga ibikoresho kenshi usanga bitarusha iby'abacu ubwiza cyangwa se ngo bibirushe gukomera.

.../...

n'ibindi bibazo bisobekeranye, bibyara ububandi n'ubwomanzi.
Iyo milimo rero, yaturuka mu myuga no mu nganda ntoya zashingwa mu cyaro, kuko bisaba gushora imali nkeya kandi bitagomba ubuhanga buhanitse. Bityo amafranga, aturuka mu buhinzi no mu myuga, akuzuzanya, abaturage bo mu cyaro bakarushaho kumererwa neza.

Dufatane urunana, ali Leta cyangwa imiryango itali iya Leta, ali abanyamyuga n'abanyabukolikoli, ali ibigo by'ubushakashatsi, dushakire hamwe icyatuma imyuga irushaho kugilira igihugu n'abagituye akamaro. Dushakire hamwe, icyatuma umusaruro w'abanyamyuga urushaho kwiyongera, kandi ibyo bakoze bikarushaho kuba byiza, twibanda cyane cyane ku bikoresho byasimbura, ibyo tuvana mu mahanga, ndetse byashobokatugasagulira n'amasoko yo hanze. Ni ngombwa rero, ko uburyo bushya bwo gukora bwajya bukwilakwizwa mu banyamyuga. Kugirango ibatere inkunga, Leta yiyemeje gushyiraho ikigega cyo gutera inkunga abashakashatsi n'abanyabukolikoli bazajya babona uburyo bushya kandi bworoheje, bwo guha agaciro umutungo w'Igihugu cyangwa bihatira kumenya ibikorerwa ahandi bagashaka uburyo byakorerwa mu Rwanda bakoresheje ibidukikije.

Ba Militantes, Ba Militants,

Nigeze kuvuga ko imyuga n'inganda nto bisaba imali nkeya, aliko, siko abanyamyuga cyangwa amashyirahamwe yabo, bayabona kandi na za Banki ntizibagilira ikizere gihagije kugirango zibahe inguzanyo. Niyo mpamvu, Leta yashyizeho Ikigega cy'ubwishingizi cyo kubagoboka. Icyo kigega kirishingira, ntikiguliza. Gikorana n'amabanki (Fonds Spécial de Garantie).
Abanyamyuga bagomba kwiyumvisha, akamaro k'amashyirahamwe. Ninwishyire hamwe, mugane Banki z'Abaturage, zibegereye. Nimwishyire hamwe, mugane n'andi ma Banki yo mu Rwanda, abahe inguzanyo, kandi ayo mabanki azababwira uburyo cya kigega cyakwishingira inguzanyo z'amashyirahamwe yanyu. Nk'uko Nyakubahwa Prezida wa Republika yabisabye, kuwa 11 werurwe 1985, abanyamyuga bakwiye gushyiraho, amashyirahamwe yabo, cyane cyane mu cyaro, aho bazafatanya n'urubyiruko rurangije mu maserayi, yabemereye ko Ubutegetsi bwa Leta, bwa Prefegitura n'ubwa Komini, buzabibafashamo.

Ba Militantes, Ba Militants,

Uyu mwaka w'1985, witiliwe umwaka w'urubyiruko kw'isi yose. Twese kandi, tuzi ko, urubyiruko rw'u Rwanda, ali rwinshi, kandi ko tugomba kurushakira ikizarutunga. Prezida wa Republika yabyibukije kenshi, asaba ko, urubyiruko rutabashije, gukulikira amashuli, rwakwigishwa imyuga, ishobora kuruteza imbere, rugahabwa inyigisho zigamije amajyambere y'icyaro.
Ababishinzwe, cyane cyane, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, bihatira gushyiraho ibigo, byo guhugulriramo urubyiruko, n'amashyirahamwe y'urubyiruko, agamije cyane cyane amajyambere y'icyaro.

.../...

Mu mpera z'umwaka w'1984, Nyakubahwa Prezida wa Republika yongeyeye kwibutsa ko urubyiruko rwacu rugomba kwitabwaho, bakibanda cyane cyane, ku bikorwa, byongera umusaruro, kandi birubonera akazi. Prezida wa Republika yasabye ko, urubyiruko, rwakwibanda cyane ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, aliko kandi, n'ibikorwa by'imyuga n'ubukolikoli, bikagumya kwitabwaho.

Muli uyu mwaka wahaliwe urubyiruko ku isi yose, Ministeri y'Urubyiruko no Gutusura za Kooperative, yihatiye kumenya ibyagezweho n'urubyiruko, mu rwego rwo kwongera umusaruro, no gushaka uburyo urubyiruko rwarushaho kwitangira amajyambere yarwo, n'amajyambere y'Igihugu muli rusange. Amarushanwa yakoreshejwe mu gihugu cyose, kugirango amashyirahamwe y'urubyiruko, arusheho gutunganya umusaruro wayo, urubyiruko rwitabire kurushaho imizamukire yarwo, rugafatanya n'ababyeyi na bakuru babo, mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu.

Twishimiye ko, urubyiruko rwacu, rwitabiliye ili mulikwa, ali urukorera mu mashyirahamwe, ali urukorera mu miryango y'urubyiruko, ali urwiga mu masirayi, ali urwiga mu bigo by'urubyiruko, ali n'urwikorera ku giti cya buli muntu, bose baje kwerekana ibyo bagezeho, mu bwitange, mu mahoro no mu majyambere, Muvoma yacu itwigisha. Rwitabiliye rero narwo, kwongera umusaruro no kuwutunganya, kugirango, rurusheho kumererwa neza.

Hateganijwe amamulikwa mu maprefegitura yose y'u Rwanda: amashyirahamwe y'urubyiurko afatinije n'abandi banyamyuga bakuru babo, cyangwa ababyeyi babo, kugirango imilimo y'imyuga irusheho gutera imbere, mu turere twose, cyane cyane mu cyaro.

Kwongera umusaruro, no kurushaho kuwugira mwiza, ni ngombwa kugirango, ubukungu bw'Igihugu butere imbere, aliko kandi tugomba no kuwubonera amasoko ahagije. Birumvikana ko, umunyamyuga, akora ikintu; kugirango, agicuruze, nawe abone icyamutunga. Niyo mpamvu, abanyarwanda, bakwiye kumenya ko, ibyo dukeneye byose, bitagomba kuva mu mahanga gusa, bajye bahitamo ibikorerwa iwabo, kugirango ubukungu bw'Igihugu muli rusange, butere imbere, kandi, na bagenzi babo, barusheho kumererwa neza. Prezida wa Republika, ahora yibutsa abanyarwanda ko, gutumiza mu mahanga, ibyo twikorera ubwacu, ali ugusesagura. Dukwiliye rero, gukoresha ibyacu, aho guhora, turalikiye, ibiva mu mahanga. Kuko, nk'uko Muvoma yacu itwigisha, imbaraga zacu bwite, alizo sizatuma tujya imbere.

- Gukoresha ibyacu, bituma, abanyarwanda, bo mu cyaro, babona inyungu, itubutse bakarushaho no kumererwa neza.
- Gukoresha ibyacu, bituma abanyamyuga n'abanyabukolikoli bacu, barushaho gukoresha ubwenge bwabo, bakadushakira ibyo dukeneye, tutagombye kubihaha.

../...

- Gukoresha ibyacu, bituma, tubika amadovizi, duhaha, ibyo dukeneye koko.

Ba Militantes, Ba Militants,

Ili mulikwa tuje gutangiza ku mugaragaro uyu munsi, lizakomeza kugeza, kuwa 28 Ukuboza 1985, lizatuma abantu benshi, birebera ibyo abanyamyuga bagezeho. Nizeye ko, bazishimira ubwiza bwa byo, n'ibiciro byabyo. Hali benshi batekereza ko, ikintu kitakorerwa mu ruganda rukomeye uru n'uru, kiba atali cyiza, aliko ndagirango mbabwire, ko, izo nganda zikomeye, zitagomba, kuza zisenya, ibyo twali, dusanganywe, ko, ahubwo zigomba kuza zibyuzuza.

Ba Militantes, Ba Militants,

Ili mulikwa rya mbere ry'ibikorwa by'imyuga, n'ubukolikoli, ryahuje, amashyirahamwe y'abanyamyuga n'urubyiruko na za gereza, ndetse n'abakora, ku giti cyabo. Abaje kwereka, abanyarwanda, ndetse n'abanyamahanga, ibintu binyuranye, baje ali benshi, kandi baturutse mu mpande zose z'u Rwanda.

Mwihere ijisho namwe, murebe ubwiza bw'ibyo, babereka. Ndongera gushima abanyamyuga bose, bitabiliye ili mulikwa. Urubyiruko ruratwereka ibyo rugezeho, mu mwaka warwitiliwe. Abanyururu, berekana ko, n'ubwo bali mi gihano, bitabiliye gukora, icyatuma amajyambere y'Igihugu atera imbere kandi nabo, bakitegulira icyo bazakora, barangije igihano cyabo. Abanyamyuga barereka abana babo, ikigomba gukorwa: Abo bose nibashimwe.

Mbifulije imulikwa lihire, lizatuma, imyuga mu Rwanda, irushaho gutera imbere, kandi, mbifulije, kuzagira umunsi mwiza wa Noheli, n'umwaka mushya muhire wa 1986.

- HARAKABAHO REPUBLIKA Y'U RWANDA NA PREZIDA WAYO.
- MUVOMA ISUGIRE ISAGAMBE, ITERE IMBERE, DUKOMEZE KUYISHYIGIKIRA.
- IMYUGA ITERE IMBERE MU RWANDA.

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE L'INDUSTRIE
DES MINES ET DE L'ARTISANAT
B.P. 73 KIGALI.

Kigali, le 15/1/1986

N° 079/08/03.11.1/86

Bwana Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
KIGALI.

Bwana Ministri w'Imali n'Ubukungu
KIGALI.

Bwana Ministri w'Ubucamanza
KIGALI.

Bwana Umunyamabanga Mukuru w'Umulyango
w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda

Ba Bwana Bagize Komité y'Imulikwa
ry'Ibikorwa by'Abanyamyuga
KIGALI.

Ba Bwana Ministri,

Bwana Umunyamabanga Mukuru,

Ba Bwana bagize Komite y'imulikwa,

Mboherereje hamwe n'iyi barwa Inyandiko-mvugo y'inama twagiranye n'abanyamyuga kuwa 27 ukuboza 1985 baje mu imulika ryabaye guhera taliki ya 23 kugeza kuya 28 ukuboza 1985 mu rwunge rw'amashuli y'abakobwa i Kigali (Lycée Notre Dame de Citeaux).

Ministri w'Inganda
Mini n'Imyuga
NGIRIRA Matayo.

Bimenyeshejwe :
- Nyakubahwa Bwana
  Prezida wa Republika
  KIGALI.

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'ABAKOZE IMULIKWA RY'IBIKORWA BY'ABANYAMYUGA MULI LYCEE D.C. I KIGALI KUWA 27/12/1985 IYOBOWE NA MILITA NGIRIRA MATAYO MINISTRI W'INGANDA, MINI N'IMYUGA.

---

Iyo nama yatangiye saa mbili. Abali bayijemo ni aba bakulikira:

1. Milita NGIRIRA Matayo : Ministri w'Inganda, Mini n'Imyuga. Umuyobozi Mukuru w'iyo nama.
2. Milita NDINDILIYIMANA Augustini Lieutenant Colonel BEM: Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.
3. Milita UWILINGIYIMANA Yuvenali: Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda.
4. Milita MUGEMA Ronald : Umunyamabanga Mukuru muli Ministeri y'Urubyiruko no gutsura za Koperative
5. Milita BISHIRANDORA Sylvère : Umuyobozi Mukuru w'Imyuga, Inganda nto n'izilinganiye muli Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga
6. Milita MUNYAMBARAGA Narcisse: Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
7. Abagize Komite y'Imulikwa ry'ibikorwa by'Abanyamyuga.
8. Abanyamyuga baje muli ilyo mulikwa bose.

Inama igitangira Prezida wayo yasobanuye ko yateganijwe kugira ngo abayobozi ba za "Services" zateguye iryo mulikwa alizo:

- Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga
- Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
- Ministeri y'Imali n'Ubukungu
- Ministeri y'Ubucamanza
- N'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda

babonane n'abaje muli iryo mulikwa kugira ngo binegure. Yasobanuye avuga ko yabonye umwanya wo kubasura aho bakorera iwabo akanumva ibibazo byabo, aliko ko muli ili mulikwa batabonye igihe cyo kongera kuganira. Ababwira noneho ko abahaye umwanya wo kuvuga ibibazo byiyongereye kubyo bali basanganywe.

Mbere y'uko abaje mu imulikwa bavuga ibibazo byabo, Prezida w'Inama yahaye ijambo Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za "Coopératives" wunzemo ashimira Prezida w'Inama kuba alimuhaye, ashimira kandi abaje mu imulikwa kubera ubwitonzi n'ubuhanga balikoranye. Yakomeje asobanura ko Ministeri ayobora yali yarateguye imulikwa ry'ibikorwa by'amashyirahamwe n'ibigo by'urubyiruko na za "Coopératives" akaza guhura n'ingorane noneho bagahitamo gushamikira kuli ili mulikwa ryateguwe na Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga. Yasobanuliye abaje mu nama ko izo Ministeri zombi zihuliye ku myuga aliko ko nta mbogamizi bitera, kuko buli Ministeri izi neza ibyo ishinzwe.

Kuli iyo ngingo yavuze ko buli Ministeri ifite imilimo yashinzwe na Prezida wa Repubulika igihe yazishyiragaho. Ku ruhali rwa Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yavuze ko ubukolikoli bwigishilizwa kandi bugakorerwa mu bigo by'Urubyiruko.

.../...

Yongeye avuga ko Programu ikulikizwa ihali, bakaba bashaka ko urubyiruko rwakora, kandi ibyo rukoze bikabona aho bigulishilizwa. Yavuze kandi ko iyo myuga ikorerwa no muli za Koperative, ko banahugura abanyamyuga, bafatanyije n'ikigo cy'ubushakashatsi n'ihugura muli za Koperative (Centre de Recherche et de Formation Coopératives"IWACU").

Yibukije ko Ministeri ayobora aliyo itanga kandi ubuzima gatozi bwa za Koperative, yumvisha abali mu nama ko muli iyo milimo yose, Ministeri ayobora imatanya n'iyi nganda Mini n'Imyuga.

Ministri w'Urubyiruko yakomeje asobanura ko atirengagiza ingorane abanyamyuga bali mu mashyirahamwe, za Koperative, na za "ateliers" bahura nazo: nko kubura aho bagulishiliza ibintu byabo. Abonerаho kubasobanulira ko imulikwa-nkili ali uburyo bwo kubabonera isoko,likaba ryali likwiye gukorwa buli gihe kandi hose haba kuli Paruwasi,kuli Komini ndetse no kuli Prefegitura batalinze gutegereza iliba limwe mu mwaka.

Ku byerekeye ibiciro: yasobanuye ko byali bikwiye ko abanyamyuga babitekerezaho kuko ibintu bakora akenshi usanga bihenda bigatuma abanyarwanda benshi batabigura.

Ku byerekeye kubura inguzanyo: yasobanuye ko hali byinshi Ministeri y'Inganda, Mini n'Imyuga yakoze igira ngo ifashe abanyamyuga kandi ko Banki z'abaturage zemera kubaguliza iyo bazibitsamo. Yungamo avuga ko hali n'isanduku ya Leta y'ubwishingire ndetse n'izindi Banki zishobora kubagoboka mu gihe bafite imishinga igaragara aliko kandi nabo bakaba ali abanyamurava.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yasoje ijambo rye asaba abaje mu imulikwa gutanga ibibazo baba bafite aliko kandi ibibazo bifitiye n'abandi akamaro:

UMWANYA W'IBIBAZO.

• Ikibazo cya mbere:-Hali uwabajije ati : Ko dukora impu zihene tukavanamo za tapi, abakiliya bacu b'abanyamahanga na O.R.T.P.N bose ntibazimenye neza ngo bazitandukanye n'iz'izindi nyamaswa bityo bigatuma zitagurwa kubera ko batinya gufatwa, ati umuti waba uwuhe? Kuli icyo kibazo bamushubije bamubwira ko yagombaga kuba yarabivuze, bamusaba ko yazandikira "Services" zibishinzwe nazo zikazasaba O.R.T.P.N. ko izo mpu zajya zishyirwaho ikimenyetso.

• Ikibazo cya kabili:- Hali uwabyukije ikibazo cyerekeye kwamamaza ibikorwa by'abanyamyuga mu mahanga.
Akaba yarasabye ko Leta yalikwiliye kubabonera "Catalogue".
Kuli icyo kibazo bamushubije ko kibabaje aliko ko haliho "Catalogue".
yakoreshejwe na ASPAR asaba ko uyihagaraliye yasobanura uko iteye.
Uwo yashubije ko iyo "catalogue yabonetse muli 1978 aliko ko ibikorwa by'abanyamyuga byose bitalimo kandi n'amafoto y'ibilimo akaba atabona neza. Yatanze icyifuzo cy'uko

…/…

hakorwa indi ibumbiyemo byose kandi amafoto yabyo akaba amabara.

Prezida w'inama yavuze ko bagiye kwiga ukuntu bayibona ndetse avuga ko iryo murikwa liraba intangiliro hagakorwa i listi y'ibikorwa v'abanyamyuga noneho hagashakwa uwatangira kuyikora.

Umunyamabanga Mukuru w'Umulyango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda yunzemo yemeza ko uwo muryango uzagira icyo utanga mu mitunganyilize y'iyo "Catalogue".

Ikibazo cya gatatu: Hali uwabajije ikibazo cy'uko yandikiye B.R.D. muli 1983 asaba amafaranga y'inguzanyo, abikulije ku nama yali agiliwe na Ministeri y'Imali n'Ubukungu akaba kugeza n'ubu atarabonye igisubizo.
Uwo munyamwuga yasabye ko bazamufasha kubona igisubizo.
Kuli icyo kibazo Prezida w'Inama yamushubije ko azamufasha kureba aho "dossier" ye iherereye ndetse amwereka n'umuntu uzayikulikirana mu nzego zibishinzwe.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nawe yunzemo amugira inama ko yageragеza kubonana n'imilyango yose ifasha abashakashatsi nka "Euro Action Accord" n'uwitwa ITARA ndetse na Ministeri y'amashuli makuru n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga ibereyeho gufasha abashakashatsi noneho akabamenyesha icyo bamushubije.

Ikibazo cya Kane: Hali undi mu Milita watanze icyifuzo cy'uko imulikwa nk'ili ryazajya liba nibura kabili mu mwaka.
Kuli icyo cyifuzo bamushubije ko hali "Commission" yiga ibyerekeye imulikwa ry'ibikorwa nk'ili ikaba yarasanze kulikora kabili mu mwaka biruhije ko ahubwo twakwiga ukuntu lyakorwa muli buli Prefegitura ndetse no muli buli Komini bityo abanyamyuga n'aho bakorera bikamenyekana.

Ikibazo cya gatanu: Hali uwabajije ikibazo gisa n'icyifuzo cy'uko habaho ahantu ibintu by'abanyamyuga byamulikwa buli gihe kubera ko hali benshi babyifuza bafite amikoro menshi aliko cyane cyane abanyamahanga.
Igisubizo: Prezida w'Inama yashubije ko muli buli Prefegitura hakingurwe "Comptoir" igulishilizwamo ibintu by'abanyamyuga avuga ko bajya babijyana aho hantu.
Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yunzemo ashyigikira icyo gitekerezo ndetse asaba ko haba akanama muli Prefegitura kiga iby'ubukolikoli.

.../...

Ministri ushinzwe imyuga yahise asobanura ko icyo gitekerezo cyagezweho kandi ko amafaranga yateganijwe k'uburyo muli buli Prefegitura hazajya Umuyobozi ushinzwe iby'imyuga uzajya abagira inama.

Yongeyeho avuga ko hali umushinga wo gushyiraho ishyirahamwe ry'abanyamyuga hakaba hali Umudage ukora muli Ministeri ayobora ulikwiga iby'uwo mushinga. Yongeyeho avuga ko yizeye ko mu myaka ibili uwo mushinga waba waranonosowe k'uburyo watangira gukora bamaze kumenya neza ibibazo by'abanyamyuga.

Ikibazo cya gatandatu : Hali ikibazo cyerekeye ikigo cy'urubyiruko cy'i NYANTANGA cyo kuba babura ibikoresho by'ibanze bakaba bakeneye inkunga.

Kuli icyo kibazo, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yashubije ko icyo kigo gifite amahirwe yo kuba gifashwa na Kiliziya ya ba "Baptiste" na Ministeri ayobora; avuga ko imfashanyo azagiha ali ukukigulira ibikoresho byacyo bizakoreshwa mu bindi bigo by'urubyiruko.

Na none yunzemo avuga ko ingorane ahubwo ali uko ibyo Ministeri ye yazakenera, icyo kigo kitazabibona.

Ikibazo cya kalindwi: "Gerante" wa COOPAR yatanze ikifuzo cy'uko mu gihe baziga ibiciro by'ibikorwa by'abanyamyuga batazabishyira hasi cyane kubera ko bigoye kubikora. Yasabye ko bazareba imvune bahura nazo ndetse n'ibkoresho k'uburyo baziga ukuntu byazajya bibagerаho bitabagoye ndetse hakabaho "Magasin Central" yabyo.

Prezida w'Inama yashubije ko kugeza ubu nta gitekerezo kiliho bafite cyo gushyiraho ibiciro by'ibyo bintu ko ahubwo abanyamuryango ubwabo bakwiye kubyishyilirаho kuko uzabona ibintu bye bitagurwa azagabanya igiciro uko abyumva. Gusa yunganmo avuga ko kubyerekeye "Catalogue" bazajya bashyira ku ma foto ibiciro bizatangwa n'abanyamyuga. Yongeraho kandi ko hali umushinga wo gushyiraho ikigo cy'ubukolikoli muli Prefegitura ya GISENYI noneho bikaza kwizwa mu yandi ma prefegitura tumaze kubona uko icyo gikora.

Ikibazo cya munani: Hali umu Milita wabajije icyo gukenera ibyuma byo gukoresha bili mu ma garaje kandi bihenda nka za "Carrosseries" n'ibindi; asaba ko Leta yabafasha kujya babibona bitabagoye.

Prezida w'Inama yabashubije ko icyo kibazo n'ubundi bigeze ku kimubaza agasubiza ko yifuza ko haba itegeko ryerekeye gushyiraho ikigo ibyo bikenerwa byajya bibikwamo abanyamyuga bakaba aliho bajya babikura. Yasabye umwe mu bakozi be bakulikiranye iyo "dossier" ko yasobanura aho bigeze.

.../...

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Imyuga, Inganda nto n'izilinganiye yashubije ko babyize bagasanga hagomba mbere na mbere ikibanza hakazanagurwa imodoka yo kujya itwara ibyo byuma. Ubwo hakaba hategerejwe igisubizo cy'ibaruwa yanditswe babisaba.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yongeyeho avuga ko hali abantu azi bafite uruhusa rwo gukoresha ibyo byuma. Ati bishoboka uwakenera kubikoresha nawe yabivuga muli "Service" zibishinzwe zikazamusabira urwo ruhusa.

Prezida w'Inama kubera ko igihe cyo gukomeza imulikwa cyali kigeze yasabye ko inama yahagalikwa, ibibazo bitavuzwe bikazashyikilizwa Komite ishinzwe imulikwa bikazabonerwa igisubizo kubashinzwe kubibonera umuti.

Inama amaze kuyisoza Umwe mu baje mu imulikwa yashimiye abaliteguye abifuliza umwaka mushya kandi muhire wa 1986.

Inama yatangiye sa mbili irangira saa tatu n'iminota itanu.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/12/1985

UMUYOBOZI W'INAMA
NGIRIRA Matayo
MINISTRI W'INGANDA ,MINI N'IMYUGA.

ABANDITSI B'INAMA.
- MBONEZA Gaspard,
  Chef de Bureau Groupements
  Socio-Economique:MIJEUCOOP.
- SEKIMONYO Chrysanthe,
  Chef de Bureau Comptoirs
  MINIMART.